**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISITERI YA SIPORO**

## ITANGAZO RIGENEWE ABAKORESHA SITADE AMAHORO M'URWEGO RWO KWIRINDA ICYOREZO CYA COVID-19

Hashingiwe ku mabwiriza ya Minisiteri ya Siporo yo ku wa 4 Kamena 2020, agaragaza ibikorwa bya siporo byemerewe gusubukurwa hakomeza kubahirizwa ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19, abifuza gukorera siporo muri Sitade AMAHORO baramenyeshwa ibi bikurikira:

1. Siporo yemewe gukorerwa muri Sitade AMAHORO ni iyatangajwe mu mabwiriza ya Minisiteri ya Siporo yo ku wa 4 Kamena 2020
2. Abantu bose bakorera siporo muri Stade AMAHORO basabwa gukoresha irembo rikuru ryayo rireba mu Mugina binjira cyangwa basohoka;
3. Abantu bose baza muri siporo basabwa kuzuza imyirondoro yabo mu gitabo basanga ku irembo mbere yo kwinjira;
4. Abantu bose baje muri siporo basabwa gukaraba intoki bakoresheje amazi meza n'isabune cyangwa bakoresheje umuti wagenewe gusukura intoki (Hand sanitizer);
5. Gusiga intera ya metero imwe n'igice (1,5 m) byibuze hagati y'umuntu n'undi mu gihe bari muri siporo;
6. Kwambara neza agapfukamunwa mbere na nyuma ya Siporo;
7. Kwirinda gushyira imyanda ahatabigenewe no kwirinda gucira hasi;
8. Gukorera siporo muri Stade AMAHORO ni ukuva saa moya za mu gitondo kugeza saa moya z'umugoroba **(07:00 AM – 07:00 PM)**

Bikorewe i Kigali ku wa 8 Kamena 2020

Signature numérique de MINISTRY OF SPORTS (PS)
Date : 2020.06.08 09:03:53 +02'00'

**SHEMA – MABOKO Didier**

**Umunyamabanga Uhoraho**